**REPUBURIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'itatu, ukwezi kwa gatatu, umunsi wa cumi n'itandatu;

Twebwe NTUNGANE HAKIZA James, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, dufashijwe na UWITONZE Emmanuel, Umwanditsi muri urwo rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Ngoma bwaregeye Urukiko uwitwa TUZAKIRA Theogene mwene Ngendahimana Alphonse na Ayinkamiye Vestine, Wavutse tariki ya 01/01/1992, ubarizwa mu Rwanda, Intara y'iburasirazuba, Akarere ka Kirehe, Umurenge wa Gahara, Akagari ka Butezi, Umudugudu wa Rwamabenga, ni ingaragu;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha bwaregeye Urukiko ikirego N° RP 00133/2021/TGI/NGOMA bukurikiranyeho TUZAKIRA Theogene icyaha cyo gusambanya umwana, icyaha gitegenywa n'ingingo ya 4 y' itegeko No 69/2019 ryo kuwa 08/11/2019 rihindura Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange;

Tumaze kubona ko TUZAKIRA Theogene yatorotse ubutabera mbere y'uko dosoye ye iregerwa urukiko nk'uko bigaragazwa na raporo n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze yemeje ko uregwa TUZAKIRA Theogene yatorotse, Ubushinjacyaha bwamukoreye dosiye bumurega nk'uwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 z'itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ziteganya ko Uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse TUZAKIRA Theogene kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma mugihe cy'Ukwezi kumwe (1), akazitaba ku wa 16/03/2023 saa tatu za mugitondo kugira ngo aburane urwo rubanza aregwamo n'ubushinjacyaha, atakwitaba, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko;

Dutege ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko rwagifashe kandi kigatangazwa kuri website y'Urukiko rw'Ikirenga ariyo www.judiciary.gov.rw .

NI UKO ICYEMEZO GIFASHWEKANDI GISOMEWE MU RUHAME NONE WA 16/02/2023.

| | |
|---|---|
| **UMUCAMANZA:** | **UMWANDITSI:** |
| **NTUNGANE Hakiza James** | **UWITONZE Emmanuel** |